REPUBULIKA Y'U RWANDA

Rulindo, kuwa 09/04/2021

N°..3407...07.0401.04/

INTARA Y'AMAJYARUGURU

AKARERE KA RULINDO

Ref: Education Unit

ITANGAZO RIGENEWE KUVUGWA NO KUMANIKWA AHAHURIRA ABATURAGE

Muri iki gihe abanyeshuri bari mu biruhuko, Ubuyobozi bw'Akarere ka Rulindo buributsa ababyeyi kwita ku burere bw'abana babo nk'uko amabwiriza ya **Minisitiri w'Uburezi N° 001/MINEDUC/2020 yo kuwa 21/02/2020, Umutwe wa mbere, mu ngingo yawo ya kane (4)** agaragaza inshingano z'ibanze z'umubyeyi cyangwa urera umwana zikurikira:

1. Guha umunyeshuri ibikoresho by'ishuri bikenewe
2. Kubahiriza inshingano ze mu byerekeranye no kugaburira umunyeshuri mu rugo no ku ishuri
3. Gukurikirana uko umwana we yitabira amasomo atangirwa ku ishuri nta gukerererwa cyangwa gusiba bya hato na hato
4. Kurinda umwana gukoresha ibiyobyabwenge, kwishora mu ngeso z'ubusambanyi n'izindi ngeso mbi;
5. Gutoza umwana umuco wo gukunda kwiga no kugira ikinyabupfura n'indi migenzo myiza;
6. Gukorana bya hafi n'ishuri umwana we yigamo no kwitabira inama z'ababyeyi zikorerwa ku ishuri;
7. Gutangiza umwana ishuri ku gihe;
8. Kwirinda ikintu icyari cyo cyose cyatuma umwana ata ishuri;
9. Gukora ikindi cyose cyatuma umunyeshuri yiga neza.

Ubuyobozi bw'Akarere burasaba abarera abana kubaha umwanya no kubafasha gusubira mu masomo bize banabategura kuzasubira mu ishuri kuwa 19/04/2021, nta mwana n'umwe usigaye mu rugo kuko kwiga ari uburenganzira bwabo bikaba inshingano ku babyeyi babo.

Mugire Amahoro

for

KAYIRANGA Emmanuel

Umuyobozi w'Akarere ka Rulindo

E-mail: rulindodistrict@rulindo.gov.rw BP:6892 Kigali Tel: 0788527312